

**Ibirimo/Summary/Sommaire**

**page/urup.**

**A. Iteka rya Minisitiri/Ministerial Order/ Arrêté Ministériel**

**N° 002/12 ryo kuwa 27/03/2012**

Iteka rya Minisitiri ryemerera iyandikwa ry'ibyahindutse mu mategeko agenga umutwe wa politiki (PS IMBERAKURI).....3

**N° 002/12 of 27/03/2012**

Ministerial Order approving registration of modifications on the statute of a political organization (PS IMBERAKURI).....3

**N° 002/12 du 27/03/2012**

Arrêté Ministériel portant approbation d'enregistrement des modifications apportées aux statuts d'une formation politique (PS IMBERAKURI).....3

**B. Amabwiriza/Instructions/ Instructions**

**N°001//2012/MINIRENA yo kuwa 28/03/2012**

Amabwiriza ya Minisitiri yerekeye gutwika imyanda n'ibindi bikoresho.....16

**N°001//2012/MINIRENA of 28/03/2012**

Ministerial Instructions related to the modalities of burning of garbage, waste and other objects.....16

**N°001//2012/MINIRENA du 28/03/2012**

Instructions Ministérielles relatives aux réglementations de brûler les déchets et autres matériels.....16

**N°002//2012/MINIRENA yo kuwa 28/03/2012**

Amabwiriza ya Minisitiri agenga uburyo bw'iyubahirizwa ry'ubuziranenge bw'amabuye y'agaciro mu karere.....29

**N°002//2012/MINIRENA of 28/03/2012**

Ministerial Regulations on the regional certification mechanism for minerals.....29

**N°002//2012/MINIRENA du 28/03/2012**

Instructions Ministérielles sur le mécanisme de certification régional des minerais.....29

**N° 01/2012/ORG yo ku wa 04/04/2012**

Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru yerekeye izahura ry'ubucuruzi n'irangiza ry'ibibazo biturutse ku gihombo.....46

**N° 01/2012/ORG of 04/04/2012**

Instructions of the Registrar General relating to commercial recovery and settling of issues arising from insolvency.....46

**N° 01/2012/ORG du 04/04/2012**

Instructions du Registraire Général relatives au redressement commercial et au règlement des problèmes d'insolvabilité.....46

**C. Imiryango idaharanira inyungu/Non profit making associations/Associations sans but lucratif**

**N° 5/11 ryo kuwa 27/01/2009**

Iteka rya Minisitiri riha ubuzima gatozi umuryango « APVV-IGIHOZO » kandi ryemera Abavugizi bawo.....63

**N° 5/11 of 27/01/2009**

Ministerial Order granting legal status to the association « APVV-IGIHOZO » and approving its Legal Representatives.....63

**N° 5/11 du 27/01/2009**

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile á l'association « APVV-IGIHOZO » et portant agrément de ses Représentants Légaux.....63

**D. Amakoperatives/Cooperatives/Coopératives**

-K.I.MU.....	86
-KOABWA.....	87
-TWIZAMURE BUHAZA.....	88
-KOPUMUBU.....	89
-C.B.S.MA.....	90
-KOPAKI MWULIRE.....	91
-ISOKO Y'UBUZIMA RUBENGERA.....	92

ITEKA RYA MINISITIRI N° 002/12 RYO  
KUWA 27/03/2012 RYEMERERA  
IYANDIKWA RY'IBYAHINDUTSE MU  
MATEGEKO AGENGA UMUTWE WA  
POLITIKI

MINISTERIAL ORDER N°002/12 OF  
27/03/2012 APPROVING REGISTRATION  
OF MODIFICATIONS ON THE STATUTE  
OF A POLITICAL ORGANIZATION

ARRETE MINISTERIEL N°002/12 DU  
27/03/2012 PORTANT APPROBATION  
D'ENREGISTREMENT DES  
MODIFICATIONS APORTEES AUX  
STATUTS D'UNE FORMATION  
POLITIQUE

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere : Icyo iteka rigamije**

**Article One : Purpose of this Order**

**Article premier : Objet du présent arrêté**

**Ingingo ya 2 : Ivanwaho ry'ingingo  
zinyuranyije n'iri teka**

**Article 2: Repealing provision**

**Article 2: Disposition abrogatoire**

**Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira  
gukurikizwa**

**Article 3: Commencement**

**Article 3 : Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 002/12 RYO KUWA 27/03/2012 RYEMERERA IYANDIKWA RY'IBYAHINDUTSE MU MATEGEKO AGENGA UMUTWE WA POLITIKI**

**MINISTERIAL ORDER N°002/12 OF 27/03/2012 APPROVING REGISTRATION OF MODIFICATIONS ON THE STATUTE OF A POLITICAL ORGANIZATION**

**ARRETE MINISTERIEL N°002/12 DU 27/03/2012 PORTANT APPROBATION D'ENREGISTREMENT DES MODIFICATIONS APPORTEES AUX STATUTS D'UNE FORMATION POLITIQUE**

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;**

**The Minister of Local Government;**

**Le Ministre de l'Administration Locale;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 52, iya 53, iya 54, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda 04 June 2003 as amended to date especially in Articles 52, 53, 54, 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 52, 53, 54, 120, 121 et 201 ;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 16/2003 ryo kuwa 27/06/2003 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 13, iya 14, n'iya 15;

Pursuant to Organic Law n° 16/2003 of 27/06/2003 on Political Organizations and Politicians as modified and complemented to date, especially in Articles 13, 14 and 15;

Vu la Loi Organique n° 16/2003 du 27/06/2003 régissant les Formations Politiques et les Politiciens telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en ses articles 13, 14 et 15;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 07/07.01 ryo kuwa 07/08/2009 ryemerera iyandikwa ry'umutwe wa politiki witwa **ISHYAKA RY'IMBERAKURI RIHARANIRA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE (P.S.Imberakuri)**;

Having reviewed the Ministerial Order n° 07/07.01 of 07/08/2009 approving registration of the Political Organization **SOCIAL PARTY IMBERAKURI (P.S.Imberakuri)**;

Revu l'Arrêté Ministériel n° 07/07.01 du 07/08/2009 portant enregistrement de la formation politique dénommée **PARTI SOCIAL IMBERAKURI (P.S.Imberakuri)**;

Bisabwe n'uhagarariye **ISHYAKA RY'IMBERAKURI RIHARANIRA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE (P.S.Imberakuri)** mu rwandiko rwe rwakiriwe ku wa 30/08/2011;

Upon the request letter forwarded on 30/08/2011 by the representative of the **SOCIAL PARTY IMBERAKURI (P.S.Imberakuri)**;

Sur demande d'enregistrement introduite en date du 30/08/2011 par la représentante du **PARTI SOCIAL IMBERAKURI (P.S.Imberakuri)**;

*Official Gazette n° 17 of 23 April 2012*

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 13/01/2012 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 13/01/2012;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 13/01/2012 ;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE :**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier : Objet du présent arrêté**

Ingingo zavuguruwe, kuwa 28/08/2011 z'amategeko agenga Umutwe wa Politiki witwa **ISHYAKA RY'IMBERAKURI RIHARANIRA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE (P.S Imberakuri)** ufite icyicaro mu Kagari ka Bibare, Umurenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali wemerewe kwandikwa nk'Umutwe wa Politiki n'Iteka rya Minisitiri n°07/07.01 ryo kuwa 07/08/2009 ziremewe.

The provisions revised on 28/08/2011 of the statutes of **SOCIAL PARTY IMBERAKURI (P.S.Imberakuri)**; with its Head Office situate at Bibare Cell, Kimironko Sector, Gasabo District, Kigali City; and registered as a Political Organization by the Ministerial Order n°07/07.01 of 07/08/2009 are hereby approved.

Les modifications du 28/08/2011 apportées aux statuts régissant le **PARTI SOCIAL IMBERAKURI (P.S.Imberakuri)** dont le siège est établi dans la Cellule Bibare, Secteur Kimironko, District de Gasabo, Ville de Kigali, enregistré comme formation politique par l'Arrêté Ministériel n° 07/07.01 du 07/08/2009 sont approuvées.

**Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Article 2: Repealing provision**

**Article 2: Disposition abrogatoire**

Ingingo z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**Article 3: Commencement**

**Article 3 : Entrée en vigueur**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

*Official Gazette n° 17 of 23 April 2012*

Kigali, ku wa 27/03/2012

Kigali, on 27/03/2012

Kigali, le 27/03/2012

(sé)

**MUSONI James**  
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

(sé)

**MUSONI James**  
Minister of Local Government

(sé)

**MUSONI James**  
Ministre de l'Administration Locale

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic  
of Rwanda:**

**Vu et scellé du Sceau de la République du  
Rwanda :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/ Attorney General

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**UMUGEREKA W'ITEKA RYA  
MINISITIRI N° 002/12 RYO KUWA  
27/03/2012 RYEMERERA IYANDIKWA  
RY'IBYAHINDUTSE MU MATEGEKO  
AGENGA UMUTWE WA POLITIKI**

**ANNEX TO MINISTERIAL ORDER  
N°002/12 OF 27/03/2012 APPROVING  
REGISTRATION OF MODIFICATIONS ON  
THE STATUTE OF A POLITICAL  
ORGANIZATION**

**ANNEXE A L'ARRETE MINISTERIEL  
N°002/12 DU 27/03/2012 PORTANT  
APPROBATION D'ENREGISTREMENT  
DES MODIFICATIONS APORTEES AUX  
STATUTS D'UNE FORMATION  
POLITIQUE**

**IVUGURURWA RYO KUWA 28/08/2011 RYA ZIMWE MU NGINGO Z'AMATEGEKO AGENGA ISHYAKA RIHARANIRA IMIBEREHO MYIZA RY'IMBERAKURI (P.S. Imberakuri)**

Kongere isanzwe y'Ishyaka ry'Imberakuri Riharanira Imibereho Myiza mu magambo ahinnye P.S. IMBERAKURI, mu inama yayo yo kuwa 28/08/2011 ;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga ryo kuwa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga no 16/2003 ryo kuwa 27 Kamena 2003 rigenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu ;

Ishingiye ku ngingo ya 43 y'Itegeko Shingiro ry'Ishyaka Riharanira Imibereho Myiza ry'Imbera kuri ryo kuwa 09 Ugushyungu 2009 ;

Ivuguruye zimwe mu ngingo zaryo, cyane cyane iya 5, iya 8, iya 13, iya 37 n'ya 58 ;

**YEMEJE**

**Ingingo ya mbere :**

Ingingo ya 5 y'amategeko shingiro y'Ishyaka PS Imberakuri ihinduwe kandi yujijwe ku buryo bukurikira:

**REVISION OF 28/08/2011 OF CERTAIN PROVISIONS IN THE Social Party IMBERAKURI (P.S. Imberakuri) STATUTE**

The National congress of Social Party Imberakuri (P.S. Imberakuri) in the meeting held on 28/08/2011;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date;

Pursuant to Organic Law n° 16/2003 of 27/06/2003 governing Political Organizations and Politicians as amended and completed to date;

Pursuant to the article 43 of the statute governing Social Party Imberakuri of 09/11/2009;

Amends some of the articles governing Social Party Imberakuri especially article 5, 8, 13 and 58;

**ADOPTS:**

**Article One :**

Article 5 of the statute governing Social Party Imberakuri is modified and completed as follows:

**REVISION DU 28/08/2011 DE CERTAINES DISPOSITIONS DES STATUTS DU PARTI PARTI SOCIAL IMBERAKURI (P.S. Imberakuri)**

Le Congrès ordinaire du Parti Social Imberakuri (P.S. Imberakuri) dans sa réunion tenue le 28/08/2011 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour ;

Vu la Loi Organique n° 16/2003 of 27/06/2003 régissant les formations politiques et les politiciens telle que modifiée et complétée à ce jour ;

Vu l'article 43 des statuts régissant le Parti Social Imberakuri du 09/11/2009 ;

Révisé quelques articles régissant le Parti Social Imberakuri spécialement en ses articles 5, 8, 13 et 58;

**ADOPTE :**

**Article premier :**

L'article 5 des statuts du Parti P.S. Imberakuri est modifié et complété comme suit:



*Official Gazette n° 17 of 23 April 2012*

Icyicaro cy'Ishyaka kiri mu Kagari ka Bibare, Umurenge wa Kimironko, Karere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru w'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi igihe cyose bibaye ngombwa byemejwe na 2/3 by'abagize Inama Nkuru y'Igihugu.

**Ingingo ya 2:**

Ingingo ya 8 y'amategeko shingiro y'Ishyaka PS Imberakuri ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Ushaka kuba umuyoboke w' Ishyaka agomba kubahiriza ibikurikira :

- 1° kuba ari Umunyarwanda;
- 2° kuba afite imyaka yo gutora nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga;
- 3° kuba nta nzitizi afite zimubuza kujya mu Ishyaka;
- 4° kwiyezeza gukurikiza ibisabwa byose n'Ishyaka.

**Ingingo ya 3:**

Ingingoya 13 y'amategeko shingiro y'Ishyaka PS Imberakuri ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Hatitawe ku bivugwa mu ngingo ya 47, kwirukanwa kwa Perezida w'Ishyaka byemezwa n'Inama idasanzwe yatumiwe kubera icyo mpamvu bisabwe ku buryo bwanditse na 1/3

The head of the Party is established in the Bibare Cell, Kimironko Sector, Gasabo District, Kigali City, the capital of Rwanda. It can be transferred elsewhere in accordance with the decision of 2/3 of the National Council members.

**Article 2:**

Article 8 of Social Party Imberakuri is modified and completed as follows:

Any person intending to be the member of the Party has to fulfill the following:

- 1° to be Rwandese;
- 2° to have the required age to elect according to the law governing the matter;
- 3° to have no obstacle for joining the Party;
- 4° to be in compliance with rules of the Party.

**Article 3:**

Article 13 of Social Party Imberakuri is modified and completed as follows:

Notwithstanding article 47, the dismissal of the President of the Party is decided by the extraordinary National Congress convened for that purpose as requesting in written by ¾ of the

Le siège du parti est établi dans la Cellule de Bibare, Secteur Kimironko; District de Gasabo, Ville de Kigali, capitale du Rwanda. Il peut être transféré à tout autre lieu sur la décision de 2/3 des membres du Conseil National.

**Article 2 :**

L'article 8 des statuts du Parti P.S. Imberakuri est modifié et complété comme suit:

Pour être membre du Parti, l'intéressé doit remplir les conditions suivantes:

- 1° avoir la nationalité rwandaise ;
- 2° avoir l'âge légal pour élire suivant la législation en la matière ;
- 3° ne pas être frappé d'empêchement pour adhérer au Parti ;
- 4° se conformer aux exigences du Parti.

**Article 3 :**

L'article 13 des statuts du Parti P.S. Imberakuri est modifié et complété comme suit:

Sous réserve de ce qui est prévu à l'article 47, la révocation du Président du Parti est décidée par le congrès National extraordinaire convoquée à cet effet à la demande écrite de ¾ des membres du

*Official Gazette n° 17 of 23 April 2012*

by'abagize Kongere y'Igihugu. icyo cyemezo gifatwa ku bwiganze bwa 2/3 by'abahari.

Mbere yo kugeza ikibazo cyo gusezerera Perezida w'Ishyaka, Inama Nkuru y'Igihugu y'Ishyaka ibanza kumusaba kwisobanura mu nyandiko, mu ibaruwa yandikiwe na Visi Perezida w'Ishyaka ku rwego rw'Igihugu.

**Ingingo ya 4:**

Ingingoya 36 y'amategeko shingiro y'Ishyaka PS Imberakuri ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Komite Nyobozi ni rwo rwego rukuru rushinzwe imirimo ya buri munsu y'Ishyaka mu rwego rw'Igihugu.

Igizwe na :

- 1° Perezida niwe uhagarariye Ishyaka imbere y'amategeko akaba ari nawe muvugizi w'Ishyaka wemewe;
- 2° Visi Perezida niwe ushinzwe kureba niba amatwara y'Ishyaka ajyanye n'indangabitekerezo n'imigambi yaryo. Asimbura Perezida igihe cyose adahari ;
- 3° Umunyamabanga Mukuru niwe ushinzwe guhuza ibikorwa byose by'Ishyaka ;
- 4° Umubitsi Mukuru niwe ushinzwe imicungire y'imari y'Ishyaka ;
- 5° Umunyabanga ushinzwe Gender n'Urubyiruko.

members of National Congress.

Before taking this decision, the National Council requests him the written explanations in the letter written to the Deputy President.

**Article 4:**

Article 36 of Social Party Imberakuri is modified and complemented as follows:

The Management Committee is the superior organ in charge of the management of the Party on national level.

It is made up of:

- 1° President who is the legal representative and the spoke man of the Party;
- 2° Deputy President who is committed to assure that the ideals of the Party are in compliance with its ideology and its objectives. Deputy President replaces the President when he/she is not around;
- 3° Executive Secretary who is in charge of monitoring all activities;
- 4° Treasurer who keeps on financial resources;
- 5° Secretary in charge of Gender and youth.

Congres National.

Avant de prendre la décision, le Conseil National lui adresse une demande d'explication écrite dans une lettre écrite au Vice Président du Parti.

**Article 4 :**

L'article 36 des statuts du Parti P.S. Imberakuri est modifié et complété comme suit:

Le Comité Directeur est l'organe supérieur chargé de la gestion quotidienne du Parti au niveau national.

Il est composé de:

- 1° Président qui est le Représentant légal du Parti et son porte -parole;
- 2° Vice Président qui est chargé de veiller à ce que les idéaux du Parti cadrent mieux avec son idéologie et ses objectifs, il remplace le Président du Parti lors de son absence ;
- 3° Secrétaire Général qui est le coordonnateur des activités du Parti ;
- 4° Trésorier national qui est chargé de gestion financière ;
- 5° Secrétaire chargé de Gender et de jeunesse.

*Official Gazette n° 17 of 23 April 2012*

**Ingingo ya 5:**

Ingingo ya 37 y'amategeko shingiro y'Ishyaka PS Imberakuri ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Komite Nyobozi iterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa Kandi ikayoborwa na Perezida w'Ishyaka mu rwego rw'igihugu. Iyo atabonetse itumizwa kandi ikayoborwa na Visi Perezida .Ubutumire bugomba kugezwa ku bagize Komite Nyobozi hasigaye nibura iminsi ibirango inama iterane.

**Ingingo ya 6:**

Ingingoya 38 y'amategeko shingiro y'Ishyaka PS Imberakuri ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Abagize Komite Nyobozi batorerwa igihe cy'imyaka itanu na Kongere y'Igihugu ishobora kongerwa. Itegeko Ngengamikorere ritaganyanya ibisabwa kugirango umuntu ajye muri Komite Nyobozi.

**Ingingo ya 7:**

Ingingoya 39 y'amategeko shingiro y'Ishyaka PS Imberakuri ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Inama Nkuru y'Igihugu ni urwego rwunganira

**Article 5:**

Article 37 of Social Party Imberakuri is modified and completed as follows:

The management Committee holds meetings once in a month and any time if need be. The President of the Party on national level is the chairman of the Management Committee meetings. In absence of the President, the Deputy President presides the meeting .Invitations must arrive to the members of the committee at least two days before the day of meeting.

**Article 6:**

Article 38 of Social Party Imberakuri is modified and complemented as follows:

The members of Management Committee are elected by the National Congress for five years; but they can be reelected many times. The internal rules and regulations determine conditions for the member to be in the Management Committee.

**Article 7:**

Article 39 of Social Party Imberakuri is modified and complemented as follows:

The High National Council is the organ which is

**Article 5 :**

L'article 37 des statuts du Parti P.S. Imberakuri est modifié et complété comme suit:

Le Comité Directeur se réunit une fois par mois et chaque fois de besoin sous la présidence du Président du Parti. En cas d'absence du Président du Parti, il est présidé par le Vice Président .Les invitations doivent arriver aux membres du comité Directeur deux jours avant la tenue de la réunion.

**Article 6 :**

L'article 38 des statuts du Parti P.S. Imberakuri est modifié et complété comme suit:

Les membres du Comité sont élus par le congrès National pour un mandat de cinq ans renouvelable. Le Règlement d'Ordre Intérieur détermine les conditions nécessaires pour qu'un membre soit un membre du Comité Directeur.

**Article 7 :**

L'article 39 des statuts du Parti P.S. Imberakuri est modifié et complété comme suit:

Le Conseil National est l'organe qui assiste le

*Official Gazette n° 17 of 23 April 2012*

Komite Nyobozi.  
Igizwe na:

- 1° Abagize Komite Nyobozi ;
- 2° Abajyanama batanu batorwa na Komite Nyobozi;
- 3° Perezida w'Akanama Nkemurampaka ku rwego rw'Igihugu;
- 4° Intumwa 3 ziturutse muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali zitorwa na Komite z'Akarere za buri Ntara n'Umujyi wa Kigali ;
- 5° Ba Perezida b'Uturere.

committed to assist the Management Committee.  
It is made up of:

- 1° members of Management Committee;
- 2° five advisers nominated by the Management Committee;
- 3° president of the National Disciplinary Committee;
- 4° three representatives from each Province elected by the Committees of District;
- 5° all Presidents of the Committee of District.

Comité Directeur.  
Il est composé de:

- 1° membres du Comité Directeur ;
- 2° cinq conseillers choisis par le Comité Directeur ;
- 3° président du Comité de Discipline au niveau national ;
- 4° trois représentants de chaque Province et Ville de Kigali élus par les Comités de Districts ;
- 5° présidents des Comités des Districts.

**Ingingo ya 8:**

Ingingo ya 42 y'amategeko shingiro y'Ishyaka PS Imberakuri ihinduwe kandi yujijwe ku buryo bukurikira:

Kongere y'Igihugu ni rwo rwego rw'ikirenga rw'Ishyaka rufata ibyemezo bigomba gukurikizwa mu rwego rw'Igihugu na buri murwanashyaka. Kongere y'Igihugu igizwe na :

- 1° Abagize Inama Nkuru y'Igihugu;
- 2° Ba Visi Perezida n'abanyamabanga b'uturere.

**Article 8:**

Article 42 of Social Party Imberakuri is modified and completed as follows:

The National Congress is supreme organ of the Party which decisions should be followed by each member all over the country. It is made up of:

- 1° Members of the High National Council;
- 2° Il deputy presidents and executive secretaries of the districts.

**Article 8 :**

L'article 42 des statuts du Parti P.S. Imberakuri est modifié et complété comme suit:

Le Congrès National est l'organe suprême du Parti dont les décisions s'imposent au niveau national à chaque membre du Parti. Il est composé de :

- 1° Membres du Conseil National ;
- 2° Des Vice-présidents et secrétaires généraux des districts.

**Ingingo ya 9:**

Ingingo ya 48 y'amategeko shingiro y'Ishyaka PS Imberakuri ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Mu gihe atagishoboye gukomeza imirimo ye, Perezida w'ishyaka ku rwego rw'igihugu asimburwa na visi Perezida ukomeza imirimo ye akarangiza manda yari isigaye. Inama Nkuru y'Igihugu ihita itora uwo gusimbura Visi Perezida usimbuye Perezida. Ku bandi bagize Komite Nyobozi, basimburwa n'abatowe n'urwego rugomba gutora abagize Komite yabuze umuyobozi mu nama y'urwo rwego itumiwe na Perezida wa Komite. Visi Prezida, umunyamabanga, umubitsi n'ushinzwe gender n'urubwiruko ku rwego rw'igihugu badashoboye gukomeza imirimo yabo, ababasimbura batorwa n'Inama Nkuru y'Igihugu bakarangiza manda yari isigaye.

**Ingingo ya 10:**

Ingingoya 58 y'amategeko shingiro y'Ishyaka PS Imberakuri ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Igihe Ishyaka risheshwe, umutungo waryo uhabwa umuryango w'abagira neza ufitiye akamaro imbaga y'Abanyarwanda wemejwe na Kongere y'Igihugu. Nta murwanashyaka ushobora kwaka cyangwa kwisubiza ibyo yahaye Ishyaka igihe bibaye ngombwa ko riseswa.

**Article 9:**

Article 48 of Social Party Imberakuri is modified and completed as follows:

In the event of absolute impossibility of the President he/she is replaced by the Deputy President until the end of the mandate of the outgoing president. The other members are replaced by those who are elected by the involved organ in the meeting convened by the President. In the event of absolute impossibility of the member of Management Committee this one is replaced by the one who is elected by the High National Council and he/she must finish the mandate of outgoing member.

**Article 10:**

Article 58 of Social Party Imberakuri is modified and completed as follows:

In the event of the dissolution of the Party its properties are given to any philanthropic Association designed by the National Congress. In that case no member can reclaim what he/she has given to Party.

**Article 9:**

L'article 48 des statuts du Parti P.S. Imberakuri est modifié et complété comme suit:

En cas d'impossibilité pour le Président de remplir ses fonctions, le Vice Président le remplace jusqu'à la fin de son mandat. Pour les autres membres du Comité, ils sont remplacés par les élus désignés par l'organe dépourvu et qui est chargé d'élire le Comité au cours d'une réunion convoquée par le Président du Comité. Lorsque l'empêchement concerne le membre du Comité Directeur, son remplaçant intérimaire est désigné par le Conseil National et il doit achever le mandat de celui qu'il a remplacé.

**Article 10 :**

L'article 58 des statuts du Parti P.S. Imberakuri est modifié et complété comme suit:

En cas de dissolution du Parti, son patrimoine est donné à une Association philanthropique sur décision du Congrès National. Aucun membre du Parti ne peut réclamer ce qu'il a donné au Parti en cas de dissolution de ce dernier.

*Official Gazette n° 17 of 23 April 2012*

**Ingingo ya 11:**

Ingingoya 59 y'amategeko shingiro y'Ishyaka PS Imberakuri ivanyweho.

**Ingingo ya 12:**

Ingingo zose z'amateka zibanziriza izi kandi zinyuranyije nayo zivanyweho.

**Ingingo ya 13:**

Aya mategeko avuguruye atangira gukurikizwa umunsi yemerejweho na Kongere.

**Bikorewe i Kigali, kuwa 28/08/2011**

(sé)  
**MUKABUNANI Christine**  
**Perezida w'Ishyaka PS- Imberakuri**

**Article 11:**

Article 59 of Social Party Imberakuri is repealed.

**Article 12:**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 13:**

This shall come into force on the day of the meeting of the congress of Social Party Imberakuri.

**Done at Kigali, on 28/08/2011**

(sé)  
**MUKABUNANI Christine**  
**PS- Imberakuri President**

**Article 11 :**

L'article 59 des statuts du Parti P.S. Imberakuri est abrogé.

**Article 12 :**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 13 :**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour et la date de la réunion du congrès du Parti Social Imberakuri.

**Fait à Kigali, le 28/08/2011**

(sé)  
**MUKABUNANI Christine**  
**Président du PS- Imberakuri**

*Official Gazette n° 17 of 23 April 2012*

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n°002/2012 ryo kuwa 27/3/2012 ryemerera iyandikwa ry'ibyahindutse mu mategeko agenga umutwe wa politiki**

Kigali, kuwa 27/03/2012

(sé)

**MUSONI James**  
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

**Seen to be annexed to the Ministerial Order n°002/2012 of 27/3/2012 approving registration of modifications on the statute of a political organization**

Kigali, on 27/03/2012

(sé)

**MUSONI James**  
Minister of Local Government

**Vu pour être annexé à l'Arrête Ministériel n°002/2012 du 27/3/2012 portant approbation d'enregistrement des modifications apportées aux statuts d'une formation politique**

Kigali, le 27/03/2012

(sé)

**MUSONI James**  
Ministre de l'Administration Locale

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen and sealed with the Seal of the Republic of Rwanda:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/ Attorney General

**Vu et scellé du Sceau de la République du Rwanda :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

AMABWIRIZA YA MINISITIRI MINISTERIAL INSTRUCTIONS INSTRUCTIONS MINISTERIELLES  
N°002//2012/MINIRENA YO KUWA N°002//2012/MINIRENA OF 28/03/2012 N°002//2012/MINIRENA DU 28/03/2012  
28/03/2012 YEREKEYE GUTWIKA RELATED TO THE MODALITIES OF RELATIVES AUX REGLEMENTATIONS  
IMYANDA N'IBINDI BIKORESHO BURNING OF GARBAGE, WASTE AND DE BRULER LES DECHETS ET AUTRES  
OTHER OBJECTS MATERIELS

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DE MATIERES**

**Ingingo ya mbere:** Ikigamijwe muri aya mabwiriza

**Article One:** Purpose of these Instructions

**Article premier :** Objet des présentes instructions

**Ingingo ya 2:** Ibisobanuro by'amagambo

**Article 2:** Definition of terms

**Article 2 :** Définitions des termes

**Ingingo ya 3:** Ibibujijwe

**Article 3:** Prohibition

**Article 3 :** Interdiction

**Ingingo ya 4:** Ibyemewe mu gutwika

**Article 4:** Exceptions against burning prohibitions

**Article 4 :** Objets pouvant être brûlés

**Ingingo ya 5:** Ibikenerwa mu gutwika

**Article 5:** Incineration requirements

**Article 5 :** Prérequis d'incinération

**Ingingo ya 6:** Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'amabwiriza

**Article 6:** Repealing provision

**Article 6:** Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 7:** Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa

**Article 7:** Commencement

**Article 7 :** Entrée en vigueur



**AMABWIRIZA YA MINISITIRI  
N°001/2012/MINIRENA YO KUWA  
28/03/2012 YEREKEYE GUTWIKWA  
IMYANDA N'IBINDI BIKORESHO**

**MINISTERIAL INSTRUCTIONS  
N°001/2012/MINIRENA OF 28/03/2012  
RELATED TO THE MODALITIES OF  
BURNING OF GARBAGE, WASTE AND  
OTHER OBJECTS**

**INSTRUCTIONS MINISTERIELLES  
N°001/2012/MINIRENA DU 28/03/2012  
RELATIVES AUX REGLEMENTATIONS  
DE BRULER LES DECHETS ET AUTRES  
MATERIELS**

**Minisitiri w'Ibidukikije n'Ubutaka,**

**The Minister of Environment and Lands,**

**Le Ministre de l'Environnement et des Terres,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 49, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 49, 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 49, 120, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 rigenga uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3, iya 4, iya 26, iya 32, iya 33, iya 36, iya 38 n'iya 84;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 8/4/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of environment in Rwanda, especially in Articles 3, 4, 26, 32, 33, 36, 38 and 84;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 déterminant les modalités de protection, de conservation et de promotion de l'environnement du Rwanda, spécialement en ses articles 3, 4, 26, 32, 33, 36, 38 et 84;

Ashingiye ku Itegeko n° 16/2006 ryo kuwa 03/04/2006 rigena, imiterere, imikorere n'inshingano z'Ikigo cy'Igihugu cyo kubungabunga ibidukikije;

Pursuant to Law n° 16/2006 of 03/04/2006 determining the organization, functioning and responsibilities of Rwanda Environment Management Authority;

Vu la Loi n° 16/2006 du 03/04/2006 déterminant l'organisation, le fonctionnement et les attributions de l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement ;

Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 01/04/2010 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 01/04/2010;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 01/04/2010;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE:**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

**Article One: Purpose of these instructions**

**Article premier: Objet des présentes instructions**

Aya mabwiriza yerekeye uburyo bwo gutwika imyanda n'ibindi bikoresho nk'imipira

These instructions determine modalities of burning of garbage, waste or any other objects

Les présentes instructions fixent les modalités pour brûler les immondices, déchets ou autres

y'ibinyabiziga, ibintu bikoze muri pulasitike n'amasashe.

such as tyres, plastics and polythene bags.

matériaux tels que les pneus, les objets et sachets en plastiques.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Definition of terms**

**Article 2: Définitions de termes**

Muri aya mabwiriza, usibye igihe byaba bisobanurwe ukundi kubera impamvu zihariye, amagambo akurikira asobanuwe ku buryo bukurikira:

In these instructions, unless the context otherwise requires, the following terms shall be defined as follows:

Dans les présentes instructions, sauf stipulé autrement, les termes suivants sont définis comme suit:

**1° "imyanda yo kwa muganga":**

**1° "clinical waste":**

**1° «déchets cliniques»:**

- a) Imyanda yose iva ku mubiri cyangwa mu mubiri w'umuntu, w'amatungo, amaraso cyangwa ibyo ari byo byose, imiti cyangwa ibindi bintu bikoreshwa kwa muganga, inshinge, ibyo bapfukisha ibisebe n'ibindi bintu bityaye bishobora kugira ubugi cyangwa gutobora n'ibindi byose byabaye imyanda kandi bishobora kwangiza cyangwa guhumanya ubuzima bw'umuntu mu gihe bikoze ku mubiri;
- b) ikintu icyo ari cyo cyose cy'umwanda gikoreshwa cyangwa giturutse kwa muganga, byaba ari iby'amenyo, iby'amatungo, iby'imiti cyangwa ibindi bisa nabyo, ibirebana no gushakisha, kwita, gukora ubushakashatsi ku byerekeye gufata no gutanga amaraso, bishobora gutera ikibazo cyangwa gutera umuntu indwara aramutse ahuye nabyo;

- a) any waste which consists wholly or partly of human or animal tissue, blood or other body fluids, excretions, drugs or other pharmaceutical products, swabs or dressings, or syringes, needles or other sharp instruments, being waste which unless rendered safe may prove hazardous to any person coming into contact with it;
- b) any other waste arising from medical, nursing, dental, veterinary, pharmaceutical or similar practice, investigation, treatment, care, teaching or research or the collection of blood for transfusion, being waste which may cause infection to any person coming into contact with it;

- a) Tout déchet provenant des tissus du corps humain ou animal, le sang ou autres fluides, excréments ou autres produits pharmaceutiques, tampons ou pansements, seringues ou autres outils tranchants déjà utilisés et qui peuvent être nuisibles et dangereux une fois en contact avec le corps humain;
- b) n'importe quel autre objet à usage médical, infirmière, dental, vétérinaire, pharmaceutique ou pratique similaire, investigation, traitement, formation ou recherche ou prise de sang pour transfusion comme déchet pouvant causer une infection une fois en contact avec le corps humain;

2° "gutwika": gushyira mu muriro cyangwa mu bushyuhe ibintu byose bifatwa nk'umwanda

2° "incineration": process of igniting and burning solid, semi-solid, liquid or gaseous combustible

2° « Incinération » : processus de mettre au feu un objet brûlant solide, semi-solide, liquide ou

*Official Gazette n° 17 of 23 April 2012*

byaba bikomeye cyane, bikomeye buhoro byaba bishobora gutemba cyangwa ari umwuka, hagamijwe kubikonkora;

3° “**igitwika**”: igikoresho, imashini cyangwa ikindi kintu cyose gikoreshwa mu rwego rwo gutwika no gukonkora imyanda yaba ikomeye, ishobora gutemba cyangwa ari umwuka, hatarimo ibikoresho ibyo ari byo byose bisanzwe bikoreshwa mu gutwika imyanda ikomoka ku bitu;

4° “**gutwikira hanze**”: gutwika ikintu icyo ari cyo cyose ku buryo imyotsi cyangwa imyuka ivamo ihita yanduza cyangwa ijya mu kirere itabanje kunyuzwa mu nzira inyuzwamo umwotsi. Muri ibyo bintu harimo nko gutwika ibyatsi, ibishingwe n’ibindi bitwikirwa ahantu hahura n’umwuka wo hanze. Ibi ntabwo bireba ibitwikwa n’ibyuma kabuhariwe bitagaragaza imyotsi mu kirere.

**Ingingo ya 3: Ibibujijwe**

Birabujijwe gutwikira hanze imyanda iyo ari yose n’ibindi bitwikirwa hanze, keretse iyo byemewe n’aya mabwiriza. Ibintu byose bitumuka, bikabyara ivu n’ibindi bikoresho byose bibujijwe gutwikwa.

**Ingingo ya 4: Ibyemewe mu gutwika**

Hitawe ku biteganyijwe muri aya mabwiriza,

waste products with the aim of destroying them completely;

3° “**Incinerator**”: any equipment, device or contrivance used for the destruction, by burning of solids, liquids or gaseous wastes, other than any equipment, device or contrivance used exclusively to burn wood wastes;

4° “**open air burning**”: burning of any objects under such conditions that fumes are emitted directly into the open atmosphere without passing directly through a stack. These objects include but not limited to grass, garbage or any other combustible waste whose gaseous products is emitted directly into the open air. Open air burning does not imply the destruction of waste using incinerators which do not release fumes into the atmosphere.

**Article 3: Prohibition**

Garbage, waste or any other object disposal by open air burning is prohibited except when allowed under these instructions. Burning of biodegradable garbage, waste or any other object is also prohibited.

**Article 4: Exceptions against burning prohibitions**

With respect to the requirements set forth by this

gazeux en vue de les détruire complètement;

3° « **incinérateur** »: tout équipement ou objet utilisé pour la destruction à feu des déchets solides ou gazeux, autre que tout équipement ou objet utilisé exclusivement pour brûler les déchets de bois;

4° « **brûler en plein air** »: brûler les objets de telle sorte que la fumée ou l’air dégagé par cet objet va directement dans l’atmosphère sans passer par une cheminée de filtrage. De tels objets comprennent entre autres des herbes, ordures ménagères et autres déchets combustibles dont la fumée est directement propagée en plein air. L’utilisation d’une machine ou d’un destructeur, incinérateur n’est donc pas considéré comme brûler en plein air.

**Article 3: Interdiction**

Il est interdit de brûler les débris et autres objets en plein air sauf dans des conditions prévues par les présentes instructions. Il est aussi prohibé de brûler les déchets biodégradables, déchets ou tout autre objet.

**Article 4: Objets pouvant être brûlés**

En vertu des présentes instructions, les déchets

imyanda yo kwa muganga, imipira y'imodoka n'ibindi binyabiziga, plastiki n'amasashi bishobora gutwikwa mu buryo bwabigenewe.

**Ingingo ya 5: Ibikenerwa mu gutwika**

Imyanda ivugwa mu ngingo ya 4 ishobora gutwikwa n'ibyuma byabugenewe. Ibyuma bitwika bigomba kubahiriza ibi bikurikira:

1° kudatwika imyanda ivanze;

2° gukurikiranira hafi imitwikire. By'umwihariko, ibyuma bitwika byo kwa muganga ntibigomba gutwikira rimwe ibikoresho bya pulasitiki n'imyanda yatunganyijwe hakoreshajwe imiti yo mu bwoko bwa kororire;

3° kuba ifite ibyumba bibiri. icyumba cya mbere kigomba gutwikira ku bushyuhe bungana byibura na 850 °C naho icyumba cya kabiri kigatwikira kuri 1000°C byibura;

4° kugira abakozi bahagije kandi b'inzobere mu gukoresha ibyo byuma byo gutwika;

5° gufata neza no gukoresha ibyuma bitwika ku buryo buhoraho.

**Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'amabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi

instruction, clinical waste, tyres, plastics and polythene bags may be disposed of by way of incineration.

**Article 5: Incineration requirements**

The waste listed in Article 4 may be burnt in incinerators. All incinerators shall be subjected to:

1° not burning mixed wastes;

2° monitoring. Especially hospitals incinerators, are obliged not to incinerate their plastic waste and waste treated with chlorinated disinfectant;

3° have double chambers. The primary chamber should operate with at least 850° C and the secondary chamber with at least 1000° C;

4° have necessary number of trained manpower to manage incinerator operations;

5° make regular maintenance of incinerators.

**Article 6: Repealing provision**

All prior provisions contrary to these Instructions

cliniques, les pneus, les sachets et objets en plastique peuvent être brûlés dans les conditions appropriées d'incinération.

**Article 5: Exigences d'incinération**

Les déchets énumérés à l'article 4 peuvent être brûlés par les machines incinératrices. L'incinérateur doit remplir les conditions suivantes :

1° ne pas brûler les déchets mélangés ;

2° faire le suivi. Les incinérateurs d'hôpital ne doivent pas incinérer en même temps les déchets en plastique et les déchets traités avec les désinfectants à base de chlorure;

3° avoir deux chambres. La première chambre doit fonctionner sous la température d'au moins 850° C et la seconde 1000° C;

4° avoir le personnel qualifié et suffisant pour faire des opérations d'incinération;

5° faire la maintenance régulière de l'incinérateur.

**Article 6: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires aux

*Official Gazette n° 17 of 23 April 2012*

zinyuranyije na yo zivanyweho.

are hereby repealed.

présentes instructions sont abrogées.

**Ingingo ya 7: Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa**

**Article 7: Commencement**

**Article 7: Entrée en vigueur**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu atangarijweho mu Igazeti ya Repubulika y'u Rwanda.

These instructions shall come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 28/03/2012

Kigali, on 28/03/2012

Kigali, le 28/03/2012

(sé)

(sé)

(sé)

**KAMANZI Stanislas**  
Minisitiri w'Ibidukikije n'Ubutaka

**KAMANZI Stanislas**  
Minister of Environment and Lands

**KAMANZI Stanislas**  
Ministre de l'Environnement et des Terres

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

(sé)

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w' Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/Attorney General

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

AMABWIRIZA YA MINISITIRI  
N°002//2012/MINIRENA YO KUWA  
28/03/2012 AGENA UBURYO  
BW'IYUBAHIRIZWA  
RY'UBUZIRANENGE BW'AMABUYE  
Y'AGACIRO MU KARERE

MINISTERIAL REGULATIONS  
N°002//2012/MINIRENA OF 28/03/2012  
ON THE REGIONAL CERTIFICATION  
MECHANISM FOR MINERALS

INSTRUCTIONS MINISTERIELLES  
N°002//2012/MINIRENA DU 28/03/2012  
SUR LE MECANISME DE  
CERTIFICATION REGIONAL DES  
MINERAIS

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere:** Aho uburyo bwa  
ICGLR ku iyubahirizwa ry'ubuziranenge  
mu Karere (RCM) bukoreshwa - Igitabo  
cy'amabwiriza ku Buziranenge

**Article One:** Application of ICGLR  
Regional Certification Mechanism (RCM)  
-Certification Manual

**Article premier:** Champs d'application du  
Mécanisme Régionale de Certification  
(MRC) de la CIRGL et du manuel de  
certification

**Ingingo ya 2:** Uruhushya rwo kohereza no  
gutumiza mu mahanga amabuye y'agaciro  
arebwa n'aya mabwiriza

**Article 2:** Permission to Import and  
Export Designated Minerals

**Article 2:** Autorisation d'importation et  
d'exportation des minerais concernés

**Ingingo ya 3:** Igenzura y'ibrombe  
by'amabuye y'agaciro

**Article 3:** Mine Site Inspections

**Article 3:** Inspections des sites miniers

**Ingingo ya 4:** Inkomoko n'itwarwa  
ry'amabuye y'agaciro

**Article 4:** Traceability and Transport of  
Minerals

**Article 4:** Traçabilité et transport des  
minerais

**Ingingo ya 5:** Uburyo bwo kohereza mu  
mahanga n'itangwa ry'ubuziranenge bwa  
ICGLR

**Article 5:** Export and ICGLR Certification  
Procedures

**Article 5:** Procédures d'exportation et de  
certification de la CIRGL

**Ingingo ya 6:** Ibyemezo bya ICGLR

**Article 6:** ICGLR Certificates

**Article 6:** Les certificats CIRGL

**Ingingo 7:** Kugenzura umutungo  
w'abohereza amabuye mu mahanga  
bikoze n'abagenzuzi bigenga

**Article 7:** Third Party Audits of Exporters

**Article 7:** Audits des exportateurs par des  
auditeurs indépendants

<b><u>Ingingo ya 8:</u></b> Amakurushingiro n'ikurikiranwa ry'amabuye y'agaciro yo mu karere	<b><u>Article 8:</u></b> Databases and Regional Mineral Tracking	<b><u>Article 8:</u></b> Bases de données et de suivi régional des minerais
